

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v. NGAMIJE

RPA 0129/12/CS

COURT

Supreme Court

DECIDED

29 July 2016

CASE / FILE NUMBER

RPA 0129/12/CS

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v. NGAMIJE

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2016-07-29
- Case/document no.: RPA 0129/12/CS
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. NGAMIJE [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPA 0129/12/CS (Hatangimbabazi, PJ, Kalimunda na Gakwaya, J.) 29/7/2016] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha – Inshingano yo gushaka ibimenyetso bishinja icyaha – Kwiregura mugihe icyaha kitagaragazwa – Ubushinjacyaha, uwakorewe icyaha cyangwa se abamufiteho uburenganzira iyo baregeye indishyi z'akababaro cyangwa biregeye umuburanyi, ni bo bagomba gutanga ibimenyetso byemeza icyaha – Iyo icyaha cy'e kitaragaragazwa, ushinjwa ntagomba gutanga ibimenyetso byo kwiregura – Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 85 Incamake y'ikibazo: Ngamije hamwe n'undi barezwe mu Rukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza, kuba barishe umugore wa kabiri wa Ngamije, cyakora aburana ahakana icyaha. Urwo Rukiko rwasanze icyaha cy'ubuhotozi gihama Ngamije Faustin gusa, maze rumuhanisha igifungo cya burundu, runamutegeka kwishyura amagarama y'urubanza. Ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza, ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwanze gukora iperereza yarusabye gukora mu Kagari yari atuyemo no kubaza abagabo yari yatanze. Avuga kandi ko mu kumuhamya icyaha aregwa, rwashingiye gusa ku mvugo z'abantu batazi imibanire ye na nyakwigendera kuko badatuye muri ako Kagari.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko ibyo Urukiko Rukuru rwashingiyeho mu kumuhamya icyaha harimo: kuba nta rugi cyangwa idirishya byamenwe ngo bigaragare ko uwishe nyakwigendera yaturutse hanze kuko yamaze kumwica agakingira inyuma, kuba nyakwigendera ataratatse ngo bigaragare ko yatewe ngo atabaze no kuba hari imvugo z'abatangabuhamya batandukanye bemeza ko babonye uregwa mu rukerera saa kumi n'imwe za mu gitondo afite imyitwarire idasanzwe, bityo bukaba busanga ibyo apfa n'abatangabuhamya ari ibintu bitandukanye bidafite aho bihurira kugira ngo abo bafitanye ibibazo abe ari bo bamushinja. Incamake y'icyemezo: Ubushinjacyaha ntibugaragaza ibimenyetso byemeza ko Ngamije afite uruhare ku rupfu rwa Mukamazimpaka Chantal, adahamwa n'icyaha aregwa, bityo rukaba ruvuze ko agizwe umwere. Ubujurire bufite ishingiro. Uregwa agizwe umwere, agomba guhita arekurwa. Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta. Amategeko yashingiweho: Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 85 Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo, ingingo ya 119 Nta manza zifashishijwe. 1

Page 2

Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ubushinjacyaha bwareze Ngamije Faustin hamwe na Musengimana Patricie mu Rukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza, kuba ku wa 17/12/2010 bari mu Mudugudu wa Sabake, Akagari ka Kibyagira, Umurenge wa Uwinkingi, Akarere ka Nyamagabe, Intara y'Amajyepfo, mu ma saa kumi z'igitondo, barishe umugore wa kabiri wa Ngamije Faustin witwaga Mukamazimpaka Chantal. Ngamije Faustin yaburanye ahakana icyaha. [2] Ku wa 12/10/2011, urwo Rukiko rwacye urubanza n° RP 0003/11/HC/NYA, rwemeza ko icyaha cy'ubuhotozi gihama Ngamije Faustin gusa, maze rumuhanisha igifungo cya burundu, runamutegeka kwishyura amagarama y'urubanza. [3] Ngamije Faustin ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza, ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwanze gukora iperereza yarusabye gukora mu Kagari yari atuyemo no kubaza abagabo yari yatanze. Avuga kandi ko mu kumuhamya icyaha aregwa, Urukiko Rukuru rwashingiye gusa ku mvugo z'abantu batazi imibanire ye na nyakwigendera kuko badatuye muri ako Kagari. [4] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 22/02/2016, Ngamije Faustin yunganiwe na Me Byamukama Pascal, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Bunyoye Grâce, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [5] Ku wa 1/4/2016, Urukiko rwacye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko mbere y'uko urubanza rucibwa mu mizi, ari ngombwa gutumira abatangabuhamya Mukankusi Spéciose, Tuyisenge Mukeshimana, umwana wabanaga na nyakwigendera Mukamazimpaka Chantal, Niyitegeka Violette, Ndabamenye Bitirehe, Niyirora Jacqueline, Baranyeretse Edouard na Nyirabukara, umwana wa Ngamije Faustin, bese bavugwa muri dosiye y'uru rubanza, bagasobanurira Urukiko ibyo babonye n'ibyo bazi ku byo Ngamije Faustin aregwa. [6] Iburanisha mu mizi ryakomeje ku wa 6/6/2016, Ngamije Faustin yunganiwe na Me Byamukama Pascal naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Munyaneza Nkwaya Eric, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO Kumenya niba icyaha Ngamije Faustin aregwa kimuhama [7] Ngamije Faustin avuga ko yajurijwe n'uko atakoze icyaha aregwa kandi ko Urukiko Rukuru rwanze gukora iperereza yarusabye mu Kagari yari atuyemo no kubaza abagabo yari yatanze, ahubwo rugendera ku mvugo z'abantu batazi imibanire ye na

nyakwigendera Mukamazimpaka Chantal kuko badatuye muri ako Kagali. [8] Ngamije Faustin asobanura ko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha nta kimenyetso rushingiyeho, ntirwashaka no kumenya uburyo yari abanye neza n'umugore we, badatongana, ngo nta n'ubwo umugore we yigeze yahukana mu myaka icumi bari bamaranye. Asobanura 2

Page 3

kandi ko atumva ukuntu umugore witwa Mukankusi Spéciose wageze iwe bwa mbere akabona umurambo na Tuyisenge Mukeshimana, umwana w'imyaka icumi n'itatu (13) wabanaga na nyakwigendera kandi wari uzi ko ataraye mu rugo iryo joro, batigeze babazwa mu Bugenzacyaha cyangwa mu Bushinjacyaha. Yongeyeho ko Muhimpundu bajyanye agiye gusoroma icyayi, atigeze abazwa kandi bari kumwe igihe umwana yamuhuruzaga amubwira ko umugore we Mukamazimpaka Chantal yapfuye. [9] Ngamije Faustin asoza asaba ko uru Rukiko rwakora iperereza ryimbitse ku baturanyi be bari bazi neza imibanire ye n'umugore we, ko abatangabuhamya bamushinja, ari bo bamwiciye umugore kuko Baranyeretse na Ndabamenye bajyaga basaba nyakwigendera ko baryamana akabangira, naho Niyirora we yifuzaga ko amutungira aho hantu nyakwigendera yari atuye, ko kandi BARANYERETSE yari umujura ruharwa, yanamufungishije kuko yibye iwe 8.000 Frw. [10] Me Byamukama Pascal avuga ko abatangabuhamya bashinje Ngamije Faustin, ari bo Niyirora Jacqueline, Ndabamenye hamwe na Baranyeretse Edouard, harimo abo bafitanye amakimbirane y'amasambu, hakaba n'abo yafungishije bamwibye. Asobanura ko muri bo hari abaturuka kure, badaturanye na Ngamije Faustin ku buryo asanga ko amakuru nyayo y'urupfu rwa Nyakwigendera yari guturuka aho yaguye aho kuba yatangwa n'abantu bavuye ikantarange. [11] Me Byamukama Pascal avuga ko mu batangabuhamya babajijwe mu rwego rw'iperereza, harimo abafitanye amakimbirane y'amasambu na Ngamije Faustin, hakaba n'abo yafungishije kuko bamwibye kandi muri bo hari abaturuka kure, batari abaturanyi be kuko batuye mu Mudugudu wa Rugote, ku buryo batari kumenya imibanire ye n'umugore we. [12] Me Byamukama Pascal akomeza avuga ko uretse n'ibyo imvugo zabo zivuguruzanya kuko Niyirora Jacqueline yavuze ko yahuye na Ngamije Faustin saa kumi z'ijoro mu bilometero birenze bitanu, Baranyeretse Edouard akavuga ko yahuye na Ngamije Faustin saa kumi n'imwe naho Ndabamenye we akavuga ko yabonye Ngamije Faustin saa kumi n'imwe, ari muri butike ye, anywa icupa ry'urwagwa. [13] Ku birebana n'ubuhamya bwa Ndabamenye, Me Byamukama Pascal avuga ko nk'umuntu wagezeyo (yagiyeyo), ukurikije ahantu butike iherereye n'aho umuhanda uri, ari kure ku buryo utabona umuntu ngo umenye n'icyo anywa, kandi yaje no kumenya ko aho hantu nta rwagwa ruhacururizwa. Akomeza avuga ko Ngamije Faustin yari gutabaza abaturanyi be bafite n'icyo bapfana, aho gutabaza abantu batuye mu kandi Kagali, mu wundi Mudugudu ngo bamuhekere, nk'uko Ndabamenye ashaka kubyemeza. [14] Me Byamukama Pascal avuga ko uru Rukiko rutagomba guha agaciro imvugo z'abatangabuhamya babajijwe mu iperereza, ko nta gitangaza ko abagizi ba nabi bakingirana abantu mu nzu nyuma yo kubiba cyangwa kubica, bityo akaba arusaba kwikorera iperereza ku batangabuhamya kuko nta kimenyetso kigaragaza ko Ngamije Faustin ari we wishe umugore we Mukamazimpaka Chantal. [15] Ubushinjacyaha buvuga ko ibyo Urukiko Rukuru rwashingiyeho mu guhamya Ngamije Faustin icyaha harimo: kuba nta rugi cyangwa idirishya byamenwe ngo

bigaragare ko uwishe nyakwigendera yaturutse hanze kuko yamaze kumwica agakingira inyuma, kuba nyakwigendera ataratatse ngo bigaragare ko yatewe ngo atabaze no kuba hari imvugo z'abatangabuhamya batandukanye bemeza ko babonye Ngamije Faustin mu rukerera saa kumi n'imwe za mu gitondo 3

Page 4

afite imyitwarire idasanzwe, bityo bukaba busanga ko ibyo Ngamije Faustin apfa n'abatangabuhamya ari ibintu bitandukanye bidafite aho bihurira kugira ngo abafitanye ibibazo na Ngamije Faustin abe ari bo bamushinja. [16] Ku bijyanye n'ivuguruzanya ry'abatangabuhamya, Ubushinjacyaha buvuga ko bushingiye ku masaha bavuga ko babonye Ngamije Faustin, ko nta gitangaza kirimo kuko amasaha bavuze yegeranye cyane. Bukaba bwifuza ko Urukiko ruramutse rutumije abantu (ruramutse rwemeje gukora iperereza), babazwa aho Ngamije Faustin yari ari; icyerekezo yajyagamo; uko intera ingana ugereranyije n'aho atuye; n'imyitwarire ye uko yari imeze; kuko bigaragara ko nyakwigendera yishwe n'umuntu bamenyeranye, iyo baba abandi bantu, aba yaravugije induru. UKO URUKIKO RUBIBONA [17] Ingingo ya 119 y'Itegeko n° 15/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko "Mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso bishingira ku mpamvu zose z'ibyabaye n'ibyemejwe n'amategeko, ababuranyi bapfa kuba barahawe uburyo bwo kuhaba ngo banyomazanye. Urukiko ruhamya ku buryo butavuguruzwa ko ibimenyetso byose birega cyangwa biregura aribyo kandi ko bishobora kwemerwa". [18] Ingingo ya 85, igika cya mbere y'Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko "Ubushinjacyaha, uwakorewe icyaha cyangwa se abamufiteho uburenganzira iyo baregeye indishyi z'akababaro cyangwa biregeye umuburanyi, ni bo bagomba gutanga ibimenyetso byemeza icyaha". Naho igika cyayo cya kabiri giteganya ko (.....). "Iyo icyaha cye kitaragaragazwa, ushinjwa ntagomba gutanga ibimenyetso byo kwiregura". [19] Nk'uko bigaragara mu bice bya 6, 7, 8 na 9 by'urubanza rwajuririwe, Ngamije Faustin yahamijwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, icyaha cyo kwica Mukamazimpaka Chantal abigambiriye, rushingiye ku mpamvu y'uko abatangabuhamya Ndabamenye, Niyirora Jacqueline na Baranyeretse Edouard bemeje ko bahuye na Ngamije Faustin saa kumi n'imwe za mu gitondo afite imyitwarire idasanzwe, mu gihe we yemeje ko yavuye iwe saa kumi n'ebyiri zirenga za mu gitondo ndetse agatsemba ahakana ko nta bantu bahuye, ibyo bigaragaza ko abeshya kuko nta nyungu abo batangabuhamya bari bafite zo kumubeshyera. Rwasobanuye kandi ko hakurikijwe ibyo abatangabuhamya bavuze, nta wundi muntu wari kwica Mukamazimpaka Chantal atamennye urugi, uretse umuntu wari waraye imbere mu nzu kuko nta rugo cyangwa idirishya anketi yasanze bimenetse byagaragaye ko umuntu wamwishe yarangije gukora icyo gikorwa kibi agakingira inyuma, binakubitiyeho ko mu gupfa kwe Mukamazimpaka Chantal atatatse cyangwa ngo atabaze, bigaragaza ko yishwe n'umuntu yari afitiye icyizere, uwo muntu akaba ari nta wundi uretse Ngamije Faustin. [20] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga abatangabuhamya Ndabamenye Bitirehe, Baranyeretse Edouard na Niyirora Jacqueline bahamagajwe mu buryo bukurikije amategeko n'uru Rukiko kugira ngo batange ubuhamya bwabo ku iburanisha ryo ku wa 6/6/2016, ariko batitabye nta mpamvu. Rurasanga kandi Tuyisenge Mukeshimana, wabanaga na nyakwigendera Mukamazimpaka

Chantal, yahamagajwe nk'umutangabuhamya ariko atashoboye kuboneka kuko 4

Page 5

ubu atabarizwa mu Mudugudu wa Kibyagira, Akagali ka Sabake, Umurenge wa Uwinkingi, Akarere ka Nyamagabe, aho yabanaga na nyakwigendera. [21] Umutangabuhamya Mukankusi Spéciose yasobanuriye uru Rukiko mu iburanisha ryo ku wa 6/6/2016 ko yari yazindutse ajya kwa Mukamazimpaka Chantal kare mu gitondo hagati ya saa kumi n'ebiri na saa kumi n'ebiri n'igice, asanga urugi rufungiyeye inyuma. Mu kugenda, yumvise Tuyisenge Mukeshimana ahamagara, amubwira ko nyina ari mu nzu, aryamye, ko Tuyisenge Mukeshimana yaje gucisha urufunguruzo munsu y'urugi, akingura inzu, arinjira asunika urugi rw'icyumba rwanga gufunguka, akoze munsu y'urugi, asanga Mukamazimpaka Chantal aryamye hasi, yumva amaguru ye yakonje, akeka ko yarwaye indwara za kinyarwanda, ajya kureba Ngamiye Faustin ngo amubwire ko umugore we afite ikibazo, amubuza kuri butike, abwira Nyirabukara ajya kubwira Se ko umugore we yarwaye. Yasobanuye kandi ko yabonaga ko Ngamiye Faustin ari umuzima, nta nzoga yari yanyoye, ko yababaye kumenya ko umugore we ashobora kuba arwaye, ko basubiranye mu rugo kwa nyakwigendera, ko Kampire Consolata yakinguye icyumba Mukamazimpaka Chantal yararagamo basanga yapfuye. Yasobanuye nanone ko Tuyisenge Mukeshimana yababwiye ko Se Ngamiye Faustin ataraye aho, ko nta n'undi muntu waharaye. [22] Umutangabuhamya Niyitegeka Violette yasobanuriye uru Rukiko mu iburanisha ryo ku wa 6/6/2016 ko yabyutse mu gitondo agiye guhinga, Mukankusi Spéciose yamuhamagaye amubwira ko Mukamazimpaka Chantal yahwereye, ko yagiye kumureba akamubura, Tuyisenge Mukeshimana akamubwira ko nyina yarwaye inzoka, ko yamuhaye urufunguruzo agakingura icyumba cya Mukamazimpaka Chantal, agasanga yashizemo umwuka. Yasobanuye kandi ko nyuma, yagiye kuri butike ya Ngamiye Faustin, asanga harafunze, abibwira Misigaro, uyu acana itoroshi ababwira ko Mukamazimpaka Chantal yapfuye, bahamagara abantu, banatuma Nyirabukara kujya guhamagara Se. Yashoje asobanura ko muri icyo minsi Ngamiye Faustin atararaga mu ngo ze zombi kubera ko yararaga kuri butike aho yacuruzaga, ko nta kibazo yari afitanye na nyakwigendera. [23] Nyirabakuru bakunda kwita Nyiranteziryimana Marie, akaba umwana wa Ngamiye Faustin, yasobanuriye uru Rukiko mu iburanisha ryo ku wa 6/6/2016 ko ari Mukankusi Spéciose wabamenyesheje mu ma saa kumi n'ebiri za mugitondo ko Mukamazimpaka Chantal yapfuye, ko Se yari yagiye gusoroma icyayi, ageze mu ikoni rireba i Bunyambiriri aragaruka ari kumwe na Muhimpundu, ahita ajya kwa nyakwigendera. Yasobanuye kandi ko muri icyo minsi Se yararaga ku kabari aho yacururizaga. [24] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Niyonsaba Alphonsine, murumuna wa nyakwigendera Mukamazimpaka Chantal, abazwa mu Bugenzacyaha ku wa 17/12/2010, yasobanuye ko ku wa 16/12/2010 mu ma saa kumi z'umugoroba kugeza mu ma saa moya n'igice, yari kumwe na nyakwigendera mu rugo rwe, Ngamiye Faustin akabahasanga, ko atashye Ngamiye Faustin yamuherekeje ari kumwe na Tuyisenge, ajya kumuha umunyu kuri butike aho acururiza. Yasobanuye kandi ko nta kibazo azi nyakwigendera yagiranaga n'umugabo we Ngamiye Faustin kandi akeka ko umuntu wigeze kwiba nyakwigendera amafaranga ariwe wamugambaniye baramwica. [25] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Niyirora Jacqueline yasobanuye mu Bugenzacyaha ko ku wa 17/12/2010, yabonye Ngamiye Faustin mu ma

saa kumi za mu gitondo ahagaze ku cyayi kiri hafi no kwa Serumondo, bwari butaracya rwose, igaragaza kandi ko Baranyeretse Edouard 5

Page 6

yasobanuye mu Bugenzacyaha ko ku wa 17/12/2010, yabonye Ngamije Faustin mu ma saa kumi n'imwe, ari wenyine iwe kuri butike aho acururiza, acanye itara, ari kunywa inzoga ku muhanda naho Ndabamenye Bitirehe yasobanuye mu Bugenzacyaha ko yahuriye na Ngamije Faustin kwa Modeste ku ikoni, ajya mu Rugeti, amubwira ko agiye kureba abamuhekera kuko umugore we yarembye kandi amaze iminsi arwaye, ako kanya umwana we witwa Nyirabukara yaje amukurikiye avuga ko nyina yapfuye. [26] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga uretse ko Ngamije Faustin yemeza ko atabonye n'abatangabuhamya Niyirora Jacqueline, Baranyeretse Edouard na Ndabamenye Bitirehe ku wa 17/12/2010 mu masaha bavugaga, isuzuma y'imvugo ya Niyirora Jacqueline rigaragaza ko hari ugushidikanya kuko bitumvikana ukuntu yashoboye kumenya Ngamije Faustin mu saa kumi za mu gitondo butaracya kandi batavuganye. Rurasanga kandi kuba Baranyeretse Edouard avuga ko yabonye Ngamije Faustin mu ma saa kumi n'imwe, ari wenyine iwe kuri butike aho acururiza, bitavuze ko ariwe wishe umugore we Mukamazimpaka Chantal. Rurasanga nanone imvugo ya Ndabamenye Bitirehe ishidikanywaho kuko iyo aba yaravuganye na Ngamije Faustin muri icyo gitondo, Nyirabukara akaza abasanga bari kumwe amubwira ko nyina yapfuye, atari kubura kuvuga ko icyo gihe Ngamije Faustin yari kumwe n'umudamu witwa Muhimpundu, nk'uko Nyirabukara yabisobanuye, bityo kuba imvugo zabo zishidikanywaho kandi zitagaraza ko Ngamije Faustin ariwe wishe nyakwigendera mu ijoro ryo ku wa 17/12/2010, Urukiko Rukuru rutari kwemeza ko ariwe wamwishe rushingiye ku mvugo yabo. [27] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga kandi hashingiwe ku ngingo ya 85 y'Itegeko n 30/2013^o ryo ku wa 24/5/2013 ryavuzwe haruguru, atari inshingano ya Ngamije Faustin kugaragaza ko muri iryo joro yaraye muri butike ye ahubwo ari inshingano y'Ubushinjacyaha kugaragaza ibimenyetso bifatika bigaragaza ko Ngamije Faustin ariwe wishe umugore we muri iryo joro, agafunga inzu inyuma. [28] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga nanone usibye n'ibyavuzwe haruguru, impamvu Urukiko Rukuru rwashingiyeho ruhamya Ngamije Faustin icyaha aregwa ari iz'ugukeka ko yaba yarakoze icyaha akurikiranyweho, nk'uko byagaragaye muri dosiye y'urubanza ko Niyonsaba Alphonsine, murumuna wa nyakwigendera Mukamazimpaka Chantal, yakekaga ko umuntu wigeze kwiba nyakwigendera amafaranga ariwe wamugambaniye baramwica. [29] Hashingiwe ku bisobanuro byatanze haruguru, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga kuba Ubushinjacyaha butagaragaza ibimenyetso byemeza ko Ngamije Faustin afite uruhare ku rupfu rwa Mukamazimpaka Chantal, adahamwa n'icyaha aregwa, bityo rukaba ruvuze ko agizwe umwerekere. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [30] Rwemeje ko ubujurire bwatanze na Ngamije Faustin bufite ishingiro; [31] Rwemeje ko urubanza RP 0003/11/HC/NYA rwaciye n'Urukiko Rukuru, Urugerekere rwa Nyanza ku wa 12/10/2011 ruhindutse kuri byose; [32] Rwemeje ko Ngamije Faustin adahamwa n'icyaha aregwa, ko agizwe umwerekere; [33] Rutegetse ko ahita arekurwa uru rubanza rukimara gusomwa; 6

Page 7

[34] Rutegetse ko amagarama y'uru rubanza aherera ku Isanduku ya Leta. 7

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7893/8166>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/burdenofproof-supreme-court-2016>

Prepared on 25 October 2026 · Esheria